

IKINYARWANDA

Itariki 12/06/2024

Isaha : saa munani-saa kumi
n'imwe(14h00-17h00)



IKIZAMINI GISOZA IGIHEMBWE CYA 3

IKICIRO:
UMWAKA WA:

RUSANGE CY'AMASHURI YISUMBUYE
KABIRI (S2)

IGIHE KIMARA:

amasaha 3

AMANOTA:

..... /100

CA-MIS

..... /50

AMABWIRIZA

1. Ntufungure iyi kayi y'ibibazo by'ikizamini utabihereye uburenganzira.
2. Ikizamini kigizwe n'ibibazo 20. Mbere yo gutangira banza ugenzure niba ibyo bibazo byuzuye.
3. Ikizamini kigizwe n'ibice bine:
 - **Igice cya mbere:** Kumva no gusesengura umwandiko (amanota 30)
 - **Igice cya kabiri:** Ikibonezamvugo (amanota 25)
 - **Igice cya gatatu :** Ubumenyi rusange bw'ururimi (amanota 30)
 - **Igice cya kane :** Ihangamwandiko (amanota 15)
4. Ibisubizo bigomba kuba bifututse kandi byuzuye.
5. Gusiribanga, guhindagura no guhuza ibisubizo na mugenzi wawe bifatwa nko gukopera cyangwa gukopezwa.
6. Koresha gusa ikaramu y'ubururu cyangwa y'umukara.

URUMURI N'UMWIJIMA

Umunsi umwe, izuba ryahuye n'umwijima riti: “Mbese nkawe uba ushaka iki mu gihugu, ntuzi ko abantu bose bakwanga, ibintu byose bikugaya? Impamvu wibonekeza uyikura kuki, wahura n'izuba nturive imbere? Ibintu byose ni ge byifuza ni ge bicikira, ni ge bikunda. Ndatunguka byose bikampa impundu. Inka zikahuka, umugenzi agafata inzira, umuhinzi akajya mu murima, inyoni zikabyuka. Nkawe se weguye ujya he?” Umwijima uti: “Shyuu! Ibyo uvuze Zuba ubitewe n'iki? Ugize ngo uranduta kandi ari ge waguhaye izina? Iyo ntaba umwijima ni nde wari kumenya ko uri izuba? Ukwikuza kwawe ni ko kwaguhimbiye ikinyoma ngo ukundwa n'ibintu byose! Ngewe ndakwanga nanga abikuza kandi n'ibintu byose birakwanga kubera icyokere cyawe cyabimaze kibibabura. Uretse n'ibyo nta kintu kigukunda wampaho umugabo. Niba utanyuzwe tuge kureba ikidukiranura umva ko wikuza ngo uranduta, undutisha iki? Ko ushaka abagenzi ntabaho bacyurwa na nde mu icumbi, abahinzi baruhuka gihe ki? Si ge ubacanira indaro ngahemba abakozi kandi nkabaruhura bakaryama? Ngo tugende turebe icyatumara impaka.”

Biragenda, umwijima ubona impyisi, ubwira izuba uti: “Ndaguha abagabo batatu, uwo mu nyamaswa ni uyu.” Hasigaye uwo mu nyoni no mu bantu. Cyo wa mpyisi we ntubere, niba ukunda izuba bivuge, niba kandi ari ge ukunda bivuge. Impyisi iti: “Ge nikundira umwijima!” umwijima uti: “Ntakubwira Zuba ko ukwikuza kwawe kwaguhimbiye ibinyoma!” Uwo ni uwa mbere!” Izuba riti: “Va aho, nta rubanza rwo gucibwa n'impyisi!” Biragenda bisanga igihunyira. Umwijima uti: “Cyo nawe nyoni dukize kandi imanza zacu ntiziruhije, ni ukwihitiramo. Ari izuba, ari ge ukunda nde?” Igihunyira kiti: “Reka nari mfite amaso meza, ubwo mureba yahindutse imituku ni izuba ryarashemo impiruru, iyo ntakugira riba ryarampuhuye!” Umwijima uti: “Ntiwumva kwikuza kubi! Hoshi tugende tuge kubaza abantu noneho ugende ubwerabwera!” Biragenda bihura n'umujura ati: “Izuba ni umwanzi wange, ndubaka rigasenya. Naho wowe, ngukundira ko ntunga ngatunganirwa.” Umwijima uti: “Aho! Sinakubwiye ko nta mukunzi ugira, ari wowe ubwawe wikunda ukikuza. Reba rero aho amaboko make aterera imico myiza, none mba nkwivunnye. Shyuu, ukava iwanyumu ijuru ukaza kunyirataho!” Izuba riracemererwa Rigiye kugenda agacurama kati: “Umwijima waguhenze ubwenge, abagabo waguhaye ni inshuti zawo gusa, genda wange abo bagabo uguhe abandi. Nukumpaho umugabo mu nyoni ntuzange, kuko nguruka; nukumpaho umugabo wo mu nyamaswa urashime, kuko nonsa abana nka zo. Umugabo wo mu bantu ushime umukannyi ubarira impu n'inkanda, ni we wanga umwijima.

Izuba riragaruka ribwira umwijima riti: “Abagabo wampaye ndabanze ahubwo mpa abandi. Nuramuka wanze ntunsindira aha tuzagera ku Mana.” Umwijima uti: “Hoshi dusange Imana idukize nta bandi bagabo nguhaye!” Biragenda no ku Mana, birapfukama biraramya biti: “Nyagasani dukiranure, utubwire urusha undi akamaro.” Imana iti: “Mwembi mugira akamaro, nta kitagira akamaro ndema! Ubwiza bw’umubiri bugaragazwa n’izuba, ariko umutima witonda ukagaragazwa n’umwijima. Ni cyo gituma barata ubwiza ku manywa, mu ijoro bagakora bupyisi, bakaba inyamaswa mu zindi. Nimugende muturane kandi nimugirirana izima uzashobora kwimura undi azamwimure, nabinanirwa muzabane.” Izuba rikura ubwatsi, rihera ko rishaka kwirukana umwijima. Umwijima uhungira munsu. Izuba rituma ku muriro ngo uge urifasha kwirukana umwijima.

Ngaho aho byaturutse ko umwijima uhunga urumuri.

IGICE CYA MBERE: KUMVA NO GUSESENGURA UMWANDIKO (amanota 30)

- 1) Uyu mwandiko ni bwoko ki? Sobanura igisubizo cyawe. **(amanota 3)**
- 2) Erekanu impamvu izuba ryatanze rigaragaza ko rikunzwe kurusha umwijima. **(amanota 4)**
- 3) Garagaza ingingo eshatu umwijima watanze zerekana ko ukunzwe kurenza izuba. **(amanota 3)**
- 4) Erekanu impamvu yatumye umwijima uvuga ko ari wo wahaye izuba izina. **(amanota 2)**
- 5) Vuga abahamya batatu umwijima wahaye izuba uvuge n'ibyiciro babarizwagamo. **(amanota 6)**
- 6) Tanga impamvu yatumye izuba rigaragara nk'iritsinzwe imbere y'abahamya umwijima wari watanze. **(amanota 2)**
- 7) Izuba rimaze kwanga abahamya umwijima wari watanze, bajuririye kuri nde? Erekanu uko yakemuye impaka. **(amanota 3)**
- 8) “Ubwiza bw’umubiri bugaragazwa n’izuba ariko ubwiza bw’umutima bukagaragazwa n’umwijima”. Iyo nteruro yaba ishatse kuvuga iki? **(amanota 2)**
- 9) Huza amagambo yo mu ruhushya **A** n’igisobanuro cyayo kiri mu ruhushya **B**. **(amanota 5)**

Uruhushya A

- (a) Impirur
- (b) Kubwerabwera
- (c) Umukannyi
- (d) Gucemererwa
- (e) Gukura ubwatsi

Uruhushya B

- (i) Umuntu watunganyaga impu agakoramo umwambaro bambaraga kera kera
- (ii) Gushimira umuntu wakugiriye neza
- (iii) Kumwara ukabura icyo uvuga ugaceceka
- (iv) Kubungera ahantu hose utazi iyo uva n'iyu ujya
- (v) Umwambi barashishaga inyoni udasongoye ku mutwe

IGICE CYA KABIRI: IKIBONEZAMVUGO (amanota 25)

- 10) Inshinga zo mu nteruro zikurikira zitondaguye mu yihe ndagihe? **(amanota 4)**
- (a) Hari amabuye **yandagaye** aho iwacu ku misozi.
 - (b) Amabuye **akoreshwa** mu bwubatsi bw'amazu.
 - (c) Ibirombe **biracyatanga** umusaruro muke.
 - (d) Nuko **baragenda** bagera aho bacukura amabuye.
- 11) Wifashishije ingero, tandukanya ikinyazina nyereka n'ikinyazina mbanziriza. **(amanota 6)**
- 12) Garagaza inteko z'amagambo atsindagiye mu nteruro zikurikira: **(amanota 5)**
- (a) **Isukari** iyo ari nyinshi mu mubiri, **gukina** birayigabanya.
 - (b) **Imyitozo** itera umubiri wacu kugubwa neza.
 - (c) Kubahanana n'**abandi** mu mukino ni **ihame**.
- 13) Vuga amoko ya ruhamwa zigaragazwa mu nteruro zikurikira: **(amanota 5)**
- (a) Iki kizamini kizatsinda **umuhanga** rwose.
 - (b) **Ababyeyi** bita ku bana babo.
 - (c) Imboga zibona **abana**.
 - (d) **Hazabaho** guhuguka kugira ngo ikoranabuhanga ritadusiga.
 - (e) **Umunyeshuri mwiza** yubaha ababyeyi.
- 14) Tanga urugero rw'imbundo wakongeramo ingereka zikurikira unagaragaze inshinga nshya bitanga: **(amanota 5)**
- (a) -w-
 - (b) -sh-

- (c) -ish-
- (d) -an-
- (e) -ik-

IGICE CYA GATATU: UBUMENYI RUSANGE BW'URURIMI (amanota 30)

15) Simbuza amagambo atsindagiye ayabugenewe. **(amanota 8)**

Uwo muni twarimo gutembera twumva **inyoni nyinshi zivuga** ndetse n'impyisi twarazumvaga **zivugira** mu **ntaho yazo**. Mu gishanga naho twumvaga ibikeri **bivuga**. Twigiye imbere tubona **ikirundo k'inzuki** mu biti byari hafi aho. Dukomeza urugendo tugera ku bashumba baragiye inka. Twaje gutangazwa no kubonamo **inka itagira amahembe**. Twabasabye kutwerekana uko bakama batubwira ko **barangije gukama** ko baza kongera ku mugoroba.

16) Wifashishije ingero, sobanura amagambo akurikira: **(amanota 6)**

- (a) Impuzanyito
- (b) Imvugwakimwe
- (c) Impuzashusho

17) Tanga urugero rw'umugani w'umugenurano kuri buri ngingo mu zikurikira:

(amanota 5)

- (a) Ubuzima n'urupfu
- (b) Uburezi n'uburere
- (c) Ubucuti n'ubufatanye
- (d) Imico n'imyifatire
- (e) Inkomoko

18) Tanga ingero eshanu z'ubuvanganzo bwo muri rubanda. **(amanota 5)**

19) Subiza ukoresheje **"yego"** cyangwa **"oya"** ukurikije ibisobanuro byatanzwe ku nshoberamahanga zikurikira: **(amanota 6)**

- (a) Kuvoma hafi ni ukuvana amazi bugufi.
- (b) Gucurangira abahetsi ni ukubwira utakwitayeho.
- (c) Kurimba uw'inkoko ni ukwambara ukaberwa.
- (d) Gusamira hejuru ibintu ni ugusimbuka cyane ukabifata bitaragera hasi.

- (e) Kwica isari ni ukwicara ukurya uturyo dukeya.
- (f) Kugenda biguru ntege ni ukugenda buhoro buhoro.

IGICE CYA KANE: IHANGAMWANDIKO (amanota 15)

- 20) Mu mirongo itari muni ya 20, hanga umwandiko ntekerezo ku nsanganyamatsiko ikurikira: “Imyitoto ngororamubiri ni ingenzi ku buzima bwacu” wubahiriza amabwiriza y’ihangamwandiko. **(amanota 15)**

.....**IHEREZO**.....

IKINYARWANDA

Itariki 12/06/2024

Isaha : saa munani-saa kumi
n'imwe(14h00-17h00)



IKIZAMINI GISOZA IGIHEMBWE CYA 3 IMBONERA Y'IKOSORA

IKICIRO: RUSANGE CY'AMASHURI
YISUMBUYE
UMWAKA WA: KABIRI (S2)

IGICE CYA MBERE: KUMVA NO GUSESENGURA UMWANDIKO (amanota 30)

- 1) Uyu mwandiko ni umugani muremure. **(1)**
Impamvu ari umugani muremure:
 - utangira uvuga ngo umunsi umwe **(1)**
 - urimo amakabyankuru **(1)**
 - ntugira uwo wakomotseho
 - nta gihe kizwi byabereye
 - nta hantu hazwi byabereye **(amanota 3)**
- 2) Impamvu izuba ryatanze rigaragaza ko rikunzwe kurusha umwijima:
Iyo izuba rije ibintu byose bivuzwa impundu:
 - Inka zikahuka **(1)**
 - Umugenzi agafata inzira**(1)**
 - Umuhinzi akajya mu murima **(1)**
 - Inyoni zikabyuka **(1) (amanota 4)**
- 3) Ingingo umwijima watanze zerekana ko ukunzwe kurenza izuba:**(amanota 3)**
 - abagenzi ntibabona ikibacyura mu icumbi **(1)**
 - abahinzi ntibaruhuka kuko ariwo ubacanira indaro **(1)**

- Uhemba abakozi kandi ukabaruhura bakaryama **(1)**
- 4) Umwijima wavuze ko ari wo wahaye izuba izina kuko iyo umwijima utaza kubaho **(1)** ntabwo kumenya ko izuba naryo ribaho **(1)** **(amanota 2)**
- 5) Abahamya batatu umwijima wahaye izuba n'ibyiciro byabo **(amanota 6)**
 - umujura **(1)** mu bantu **(1)**
 - impyisi **(1)** mu nyamaswa **(1)**
 - igihunyira **(1)** mu nyoni **(1)**
- 6) icyatumye izuba rigaragara nk'iritsinzwe imbere y'abahamya umwijima wari watanze ni uko umwijima warihenze ubwenge **(1)** ugatanga abahamya b'inshuti zawo gusa **(1)** **(amanota 2)**
- 7) Izuba rimaze kwanga abahamya batanzwe, umwijima wajuririye ku Mana. **(1)** Imana yakemuye impaka ivuga ko byose bifite umumaro **(1)**, ko nta kintu kidafite umumaro irema **(1)** **(amanota 3)**
- 8) Iyo nteruro yaba ishatse kuvuga ko ubwiza bw'umubiri ni ukuvuga ubugaragarira inyuma bijyanye no kwigaragaza neza. Abantu bigaragaza neza ku manywa habona kuko abantu baba babareba **(1)** ariko bwamara kwira bagakora ibyo utabakekeraga kuko buba bwije ntabwo babona. **(1)** **(amanota 2)**
- 9) Guhuza amagambo yo mu ruhushya **A** n'igisobanuro cyayo mu ruhushya **B** **(amanota 5)**
 - (a) Impiru (v) Umwambi barashishaga inyoni udasongoye ku mutwe **(1)**
 - (b) Kubwerabwera (iv) Kubungera ahantu hose utazi iyo uva n'iyi ujya **(1)**
 - (c) Umukannyi (i) Umuntu watunganyaga impu agakoramo umwambaro bambaraga kera **(1)**
 - (d) Gucemererwa (iii) Kumwara ukabura icyo uvuga ugaceceka **(1)**
 - (e) Gukura ubwatsi (ii) Gushimira umuntu wakugiriye neza **(1)**

IGICE CYA KABIRI: IKIBONEZAMVUGO (amanota 25)

- 10) Kugaragaza indagihe z'inshinga: **(amanota 4)**
 - (a) Hari amabuye **yandagaye** aho iwacu ku misozi. indagihe y'ako kanya **(1)**
 - (b) Amabuye **akoreshwa** mu bwubatsi bw'amazu. Indagihe y'ubusanzwe **(1)**

(c) Ibirombe **biracyatanga** umusaruro muke. Indagihe ikomeza **(1)**

(d) Nuko **baragenda** bagera aho bacukura amabuye. Indagihe mbarankuru**(1)**

11) Gutandukanya ikinyazina nyereka n'ikinyazina mbanziriza. **(amanota 6)**

Ikinyazina nyereka ni ikinyazina kerekana izina giherekeje cyangwa kikaryibutsa iyo cyarisimbuye. **(1)** Ikinyazina mbanziriza gihagararira izina ryagombye kuba icyuzuzo k'inshinga. Mu mikoreshereze yacyo gifata buri gihe umwanya wacyo imbere y'inshinga ari nayo mpamvu kitwa gutyo. **(1)** Ikinyazina nyereka kigira isaku nyesi **(1)** mu gihe ikinyazina mbanziriza kigira isaku nyejuru. **(1)**

Ingero:

Ikinyazina nyereka: Uwo mugabo ndamushaka. **(1)**

Ikinyazina mbanziriza: Uwo mpamagara asohoke. **(1)**

12) Kugaragaza inteko z'amagambo atsindagiye: **(amanota 5)**

(a) isukari: nt.9**(1)** gukina: nt.15 **(1)**

(b) imyitozo: nt.4 **(1)**

(c) abandi: nt.2**(1)** ihame: nt.5**(1)**

13) Amoko ya ruhamwa zigaragazwa mu nteruro: **(amanota 5)**

(a) Iki kizamini kizatsinda **umuhanga** rwose. Ruhamwa nyurabwenge **(1)**

(b) **Ababyeyi** bita ku bana babo. Ruhamwa mboneranteruro **(1)**

(c) Imboga zibona **abana**. Ruhamwa nyurabwenge **(1)**

(d) **Hazabaho** guhuguka kugira ngo ikoranabuhanga ritadusiga. Ruhamwa mburabuzi **(1)**

(e) **Umunyeshuri mwiza** yubaha ababyeyi. Ruhamwa mboneranteruro **(1)**

14) Urugero rw'imbundo wakongeramo ingereka bikabyara inshinga inshinga nshya: **(amanota 5)**

(a) **-w-**: gukina → gukinwa **(1)**

(b) **-sh-**: kugwa → kugusha **(1)**

(c) **-ish-**: kuvuga → kuvugisha **(1)**

(d) **-an-**: kugenda → kugendana **(1)**

(e) **-ik-**: guhinga → guhingika **(1)**

IGICE CYA GATATU: UBUMENYI RUSANGE BW'URURIMI (amanota 30)

15) Gusimbuza amagambo atsindagiye ayabugenewe. **(amanota 8)**

- **inyoni nyinshi:** uruhuri rw'inyoni **(1)**
- **zivuga:** ziririmba **(1)**
- **zivugira:** zihumira **(1)**
- **ntaho yazo:** isenga ryazo **(1)**
- **bivuga:** bigonga **(1)**
- **ikirundo k'inzuki:** irumbo ry'inzuki **(1)**
- **inka itagira amahembe:** inka y'inkungu **(1)**
- **barangije gukama:** bahumuje **(1)**

16) Gusobanura amagambo akurikira n'ingeri: **(amanota 6)**

- (a) Impuzanyito ni amagambo ahuje inyito, ahuje igisobanuro. **(1)**
urugero: gutwita: kugira inda **(1)**
- (b) Imvugwakimwe ni amagambo yandikwa kimwe kandi agasomwa kimwe ariko nta ho ahuriye mu bijyanye n'inyito cyangwa igisobanuro. **(1)**
Urugero: Intara bagosoza- Intara rumwe mu nzego z'ubuyobozi bw'Igihugu cyacu. **(1)**
- (c) Impuzashusho ni amagambo yandikwa kimwe ariko adasomwa kimwe kandi nta ho ahuriye mu bijyanye n'inyito cyangwa igisobanuro. **(1)**
Urugero: inkoko y'itungo – inkoko bagosoza **(1)**

17) Gutanga urugero rw'umugani w'umugenurano kuri buri ngingo **(amanota 5)**

- (a) Ubuzima n'urupfu: urucira mukaso rugatwara Nyoko **(1)** /Amagara araseseka ntayorwa
- (b) Uburezi n'uburere: Uburere buruta ubuvuke **(1)** / Ubwenge burarahurwa
- (c) Ubucuti n'ubufatanye: Inshuti iruta inshuro **(1)** / Abagiye inama Imana irabasanga
- (d) Imico n'imyifatire: Izina ni ryo muntu **(1)** / Kora ndebe iruta vuga numve.
- (e) Inkomoko: Isuku igira isoko **(1)** / Inyana ni iya mweru.

18) Ingero z'ubuvanganzo bwo muri rubanda. **(amanota 5)**

Imigani miremire **(1)**, imigani migufi (imigenurano) **(1)**, insigamigani **(1)**,
ibitekerezo byo muri rubanda **(1)**, ibisakuzo **(1)**, indirimbo, ibihozo...

19) Gusubiza ukoresheje “**yego**” cyangwa “**oya**” ukurikije ibisobanuro
byatanzwe ku nshoberamahanga zikurikira: **(amanota 6)**

- (a) Kuvoma hafi ni ukuvana amazi bugufi. Oya **(1)**
- (b) Gucurangira abahetsi ni ukubwira utakwitayeho. Yego **(1)**
- (c) Kurimba uw’inkoko ni ukwambara ukaberwa. Oya **(1)**
- (d) Gusamira hejuru ibintu ni ugusimbuka cyane ukabifata bitaragera hasi.
Oya **(1)**
- (e) Kwica isari ni ukwicara ukurya uturyo dukeya. Yego **(1)**
- (f) Kugenda biguru ntege ni ukugenda buhoro buhoro. Yego **(1)**

IGICE CYA KANE: IHANGAMWANDIKO (amanota 15)

20) Gukosora umwandiko ntekerezo:(amanota 15)

1. Imisusire: (amanota 7)

- imbata (amanota 2)
- Uburebure (inota1)
- Isuku n'imigaragarire (inota1)
- Inozamvugo (inota1)
- Imyandikire (amanota 2)

2. Urukurikirane rw'ibitekerezo (amanota 2)

- Intangiriro ikoze neza (inota1)
- Umusozo (inota1)

3. Ingingo: Ingingo nibura 3 zisobanuye (amanota 6)

Buri ngingo isobanuye ihabwa (inota1) n'igisobanuro (inota1)

Ingero z'ingingo umunyeshuri yatanga:

- Imyitozo ngororamubiri ituma umubiri ukomera ntiturwaragurike
- Imyitozo ngororamubiri ituma umuntu atutubikana imyanda iri mu
mubiri igasohoka
- Imyitozo ngororamubiri ituma umuntu adasaza imburagihe...